



Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°36/2016:

Taliki ya 1–31 Ukuboza 2016

Ryoherejwe kuwa 2 Mutarama 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu Ukuboza 2016; cyagaragaje imvura yiyongereye mu duce two mu burasirazuba ndetse n'igice cy'amajyaruguru y'igihugu. Ahandi hagaragaye imvura iri ku kigereranyo cy'iyoy dusanzwe tubona mu kwezi k'Ukuboza.
- o **Ububobere bw'ubutaka** bwaragabanutse mu gihugu hose kuva mu gice cya mbere kugeza mu cyanyuma cy'ukwezi k'Ukuboza
- o **Ukwezi kwa Mutarama 2017**; hataganyijwe **igabanuka ry'imvura** kugeza ku mvura nke mu bice byose by'igihugu


I. Iriburiro

Ibice byinshi byo mu gihugu cyane cyane mu Ntara y'Amajyaruguru (mu Turere twa Musanze na Gicumbi) ndetse n'Intara y'Uburasirazuba (mu Turere twa Nyagatare, Kayanza na Ngoma) hagaragaye imvura iri hejuru y'iyoy dusanzwe tubona mu Ukuboza; naho Intara y'Amajyepfo yo yagaragaje imvura iri minsi gato y'iyoy dusanzwe tubona.

- Imbonerahamwe zikurikira zirerekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu Ukuboza_2016 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Ukuboz a_2016	Ukub oza
Kigali	79.9	90.6
Rusizi (Kamembe)	111.8	133.5
Rubavu (Gisenyi)	101.5	95.4
Nyamagabe (Gikongoro)	106	147.4
Ngoma (Kibungo)	101.5	96.4
Gicumbi (Byumba)	132.5	77.5
Bugarama	44.4	131.2
Musanze (Ruhengeri)	92.3	89.5
Gitega	75.1	85.9
Rubengera	119.5	147.5
Byimana	46.4	112.5
Kawangire	112.1	96.8
Nyagatare	149.7	74.5




Igishushanyo1


Imbonerahamwe ya

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukuboza_2016; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Ukwakira_2016 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Ukuboza_2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukuboza



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Ukwakira_2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Ukwakira



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Ukuboza_2016 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu Ukuboza_2016; cyagaragaje imvura yiyongereye mu burasirazuba bw'igihugu ikanagabanuka mu majyepfo, mu majyaruguru ndetse no mu gihugu (reba **Ikarita1&2**). Naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu Ukwakira_2016; cyagaragaje imvura yabonetse mu bice byose ikiyongera mu bice by'uburasirazuba n'uburengerazuba (reba **Ikarita3&4**). Mu gihugu hagati ndetse n'amajyepfo ho hagaragaye imvura ingana n'iyoye dusanzwe tubona mu kwezi k'ukwakira (iri ku kigereranyo cya mm 100 z'imvura)

a) Intara y'Iburasirazuba

Ukupimiro bwose bw'iyi Ntara habonetse imvura iri ku kigereranyo cyo hejuru y'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**); aho ubupimiro bwa Nyagatare habonetse mm 149.7 z'imvura akaba ari naho habonetse imvura nyinshi mu gihugu hose mu kwezi kw'Ukuboza

b) Intara y'Amajyaruguru

Henshi hagaragaye imvura iri ku gipimo dusanzwe tubona (mm 100 z'imvura) usigye ubupimiro bwa Gicumbi habonetse imvura nyinshi ingana na mm132.5 z'imvura (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

c) Intara y'Amajyepfo

Imvura yaguye yagaragajwe n'ubupimiro bw'iyi Ntara iri ku kigereranyo cy'isanzwe ihaboneka (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

d) Intara y'i Burengerazuba


Ubupimiro bwose bwagaragaje ko imvura yabonetse iri ku kigereranyo cy'isanzwe ihaboneka (mm 140) mu kwezi k'Ukuboza (reba **Imbonerahamwe ya1** ndetse n' **Ikarita1&2**)

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 (Gitega na Kigali) habonetse igiteranyo cy'imvura iri ku kigereranyo cy'isanzwe igwa (reba **Imbonerahamwe ya1** n'**Ikarita ya1&2**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu Ukuboza_2016; igabanuka ry'imvura ryateye ukugabanuka ku bubobere bw'ubutaka nkuko bigaragazwa n'**Ikarita 5, 6&7**; mu gice cya 1 cy'Ukuboza 2016; ho hagaragara ububobere bwinshi kurusha ibindi bice byakurikiyeho (ari byo; icya kabiri n'icya gatatu by'Ukuboza 2016; reba **Ikarita 5**) kubera imvura yaguye kenshi mu gice cya mbere kurusha ibindi bice; naho igice cya 2 c'kigagaraza ububobere bubereye ibimera byinshi mu majyepfo y'uburengerazuba bw'Igihugu (reba **Ikarita 6**) Muri Mutarama_2017; hateganijwe imvura izakomeza kugabanuka mu bice byose by'igihugu. Abahinzi barasabwa gushyira mu bikorwa ingamba zose mu gufasha imirimo yo mu mirima

Iteganagihe ry'ukwezi kwa Mutarama 2017

Hateganijwe imvura izagabanuka cyane mu bice byose by'igihugu:

Umujyi wa Kigali; hateganijwe ibicu byiganje bizavamo imvura nke cyane mu gice cya mbere cya Mutarama_2017

Intara y'Uburasirazuba; hateganijwe ibicu byiganje bizavamo imvura nke cyane mu gice cya mbere cya Mutarama_2017

Intara y'Uburengerazuba; hateganijwe ibicu byiganje n'imvura nke mu bice byinshi by'iyi Ntara.

Intara y'Amajyaruguru; hateganijwe ubwiganze bw'ibicu ndetse n'imvura nke.

Intara y'Amajyepfo; hateganijwe igabanuka ry'imvura mu kwezi kwose kwa Mutarama.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)

Byemejwe na

TWAHIRWA Anthony

Umuyobozi ushinze iteganyagihe